**NOVENI YO KWITEGURA UMUNSI MUKURU WA BIKIRA MARIYA UMWAMIKAZI WA FATIMA le 4/5- 12/5/2025.**

1 . Ikimenyetso cy'umusaraba

2. Ishapure ( havugwa amayibukiro bitewe n'umunsi turiho nkuko Kiliziya ibitubwiriza)

3. Isengesho : Bikira Mariya , Mwamikazi wa Fatima, wabonekeye i Fatima muri Porutigali, maze utumenyesha ingabire zitagira urugero dukura mu kuvuga isengesho rya Rozari ntagatifu. Uhe imitima yacu gukunda iryo sengesho . Igihe ubonekeye i Fatima ho mu gihugu cya Porutigali, wazaniye amahoro icyo gihugu cyari cyarazahajwe n'intambara ya mbere y'isi yose. Turagusaba ngo uhe igihugu cyacu amahoro, Uhe amahoro ingo zacu dutuye bityo tubeho twishimye kandi turi abakristu byuzuye . Mwamikazi w'amahoro, iyi si yacu dutuye isonzeye amahoro arambye, uyisabire Mubyeyi ibonere amahoro buri wese bityo abantu bose baronke ibyishimo bikomoka ku Mwana wawe Yezu Kristu Umwami wacu . Amen.

**GAHUNDA YA NOVENI**

| Amatariki | IGITEKEREZO CY'IREMEZO | ICYO TUZIRIKANAHO | IJAMBO RY'IMANA |
|---|---|---|---|
| 04 / 05 | **Umunsi wa 1** : **Ubutumwa bw' amahoro igihe cy'intambara**<br>Hari mu ntambara y'isi yose, abantu bose bahangayitse, abantu bapfa urw'agashinyaguro, abantu ntagaciro bagifite ; BiKIRA Mariya atuzanira ubutumwa bw'amahoro bityo asaba ko abantu basenga cyane, bavuga kenshi ishapure. | -Intambara nyinshi zigaragara ku isi: hirya no hino haravugwa intambara z'amasasu, abantu bazira uko bavutse,abandi babaziza amadini, abantu barenganya abandi bitewe no gushaka inyungu zabo, abantu bapfa bishwe n'inzara, abashakanye baricana, intambara mu ngo, ingo zirara zishya bwacya zikazima, n'ibindi….<br>- Ese hakorwa iki ngo intambara tubona, twumva, dutera, ngo zihagarara? | Yak. 4, 1-10 |
| 05/05 | **Umunsi wa 2: Bikira Mariya yabonekeye abana batatu**<br>Lusiya, Yasenta na Fransisiko bari abana bato, ariko Bikira Mariya yarababonekeye, abifashisha mukuba intumwa z'amahoro isi yacu yari ikeneye. Ibyo bikatwibutsa ko duhamagariwe kuba nk'abana bato kugira ngo tubeho twemera kandi dukundana, bikaduhamagarira kubaho twirinda inzangano, umwiryane bikunda kugaragara ku isi. | Abana bato iyo badashutswe n'abantu bakuru, babaho barangwa n'urukundo, ineza, impuhwe, kwemera ibyo babwiwe n' abakuru, …..<br>- Ese ni gute twakora iki ngo turusheho gusenya ibituma twigiramo umwiryane,n' inzangano……. | Mk 10,13-16 |
| 06/05 | **Umunsi wa 3**: **Guhamagarira abantu gusenga**<br>Abana bahamagariwe na Bikira Mariya gusenga cyane. Uyu munsi natwe araduhamagarira gusenga cyane by'umwihariko dusabira isi ngo igire amahoro. Duhamagariwe kurushaho kwegera Nyagasani. Twibukeko ingoma y'ijuru izaza nk'umujura, igihe tutazi, ntawe ntituzi umunsi n'isaha. | Iyi si yacu igwiriyemo abantu benshi badasenga, hari n'abibwira ko basenga ariko kandi badasenga uko bikwiye.<br>- Twakora iki ngo dutoze abandi gusenga ? Nsenga gute?Nsengera hehe? Ni iyihe | Mt 6,7-15 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | Mubyeyi Bikira Mariya twereke uburyo bukwiye bwo gusenga, twigishe kuganira n'Imana nkuko umuntu aganira n'inshuti ye akunda. | minota nageneye Nyagasani?<br>- Ese gusenga byatumye mpinduka kuburyo nera imbuto nziza muri bagenzi banjye? | |
| 07/05 | **Umunsi wa 4: Guhamagarira abantu guhongerera ibyaha**<br>I Fatima, Bikira Mariya yadusabye kwitanga tugahongerera ibyaha. Hirya no hino ku isi hari abanyabyaha benshi bakeneye ko tubitangira kugira ngo Nyagasani abagirira impuhwe bahinduke.<br>Luciya, Yasenta na Francisko barabikoze maze birokora benshi. | Iyi si yacu yuzuyemo abanyabyaha ba moko menshi:<br>- Dukora iki kugira ngo twigishe abandi kureka ibyaha ? Ni iki nkora ngo nirinde ibyaha?<br>- Ese ndinda icyaha bagenzi banjye gute ? | Rm 12,9-21 |
| 08 /05 | **Umunsi wa 5 : Guhamagarira abantu kwicuza**<br>I Fatima, Umubyeyi Bikira Mariya yadusabye Kwicuza. Kwicuza neza bidusaba kwireba mbere na mbere, tukareka imigirire yacu mibi, ihora ibabaza Imana, tugaharanira gukora ibishimisha Imana. Kubigeraho bidusaba gusana ibyo twangirije kubera kunangira imutima.<br>Mariya Mubyeyi wacu, udufashe kwivugururura, tumenye gusaba imbabazi, udufashe gukingurira imitima Umwana wawe maze atwomore ibikomere duterwa n'ibyaha . | Abantu benshi bakunda gutsimbarara ku byaha byabo ; ntibagishaka kwegera imbabazi z'Imana .<br>- Twakora iki kugira ngo abantu bakunde isakramentu rya Penetensiya ? kugira ngo bayishake kenshi?<br>- Ese jye nkora iki kugira ngo mbabarire abampemukiye ? | Kol 3,5-17 |
| 09 /05 | **Umunsi wa 6 : Mukorere ijuru, Twirinde Umuriro w'iteka.**<br>Bikira Mariya yabwiye abana b'i Fatima ko umuriro uriho, ko bagomba gukorera ijuru. Kuri iyi isi hariho abantu babaho nkabari mu muriro : ababaho bihebye bikabije, abanze ubuzima, umwanzi Sekibi atera intambara mu bantu maze inzirakarengane zikahatikirira ; ubugome bukabije bugaragara hirya no hino ku isi.<br>Bikira Mariya yasabye abatuye isi kwiyegurira umutima utagira inenge we ; naturengere ibyo byose bitandukanya abantu bihagarare bityo isi yacu igire amahoro, abantu bakemure ibibabazo hakoreshejwe ibiganiro, imbabazi zisabwe kandi zitangwe. | Abantu babayeyo nkaho Imana itabaho, abandi bibwira ko umuriro w'iteka ari amakabya nkuru, abandi ibikorwa bizatujyana mu ijuru ntibabikozwa.<br>-Ese wowe wamenye Imana ukora iki kugira ngo uharanire kuzajya mu ijuru ? wibuka ko ijuru uzaturamo uritegura ukiri hano ku isi ?<br>-Ni ibihe bikorwa bizamperekeza bikazibukwa umunsi nzaba ntakiriho ? | Yh 15,11-17 |
| 10/05 | **Umunsi wa 7 : Igitangaza izuba ribyina mu kirere**<br>Bikira Mariya yeretse abantu igitangaza kugira ngo bemere ko ari We koko ubonekera abana. Yezu yaravuze ati : « nimugira ukwemera kungana n'impeke y'ururo muzabwira umusozi ngo wimuke ujye hariya, uzabumvira. » Uyu munsi Yezu aracyatwereka ibitangaza kugira ngo twemere Imana, tumukingurire imitima, twemere kugendera mu nzira ze maze tuzaronke umukiro we.<br>Bikira Mariya yabwiye abana ko ari Umwamikazi wa Rozari , abashishikariza kuyivuga kenshi no kwigisha abantu kuvuga ishapure bityo asaba ko i Fatima | Mu buzima bwacu Imana ihora itwereka ibitangaza : kuba waramutse, guhura n'ibibazo ukabivamo, kurwara ugakira,…..<br>- Ese ibitangaza ubona bituma ukomera ku kwemera kwawe ? Bikomeza ubukristu bwawe?<br>- Ese ujya ugerageza kuvuga ishapure kenshi ? Abo Imana yaguhaye ugerageza kubatoza | Jn2,1-12 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | hakubakwa Chapelle yo gusengeramo. | kuvuga iryo sengesho? | |
| 11/05 | **Umunsi wa 8: Kwakira ububabare**<br>Abana babonekewe na Bikira Mariya ni abana basanzwe, biberagaho mu buzima busanzwe ariko bahawe ubutumwa butoroshe bwa Bikira Mariya. Gukorera Imana ntibisaba kuba uri igihangange, bisaba ukwemera, icyizere, kwicisha ubugufi n'ingabire y'ubuhanga. Dusabe ingabire yo gushira amanga, twamamaze urukundo rw'Imana. | Mu buzima duhura na byinshi bitubabaza: ibyago, ibigeragezo, ibibazo, ibibazo,….<br>- Dukora iki kugira ngo dutsinde ibitugerageza?<br>Ni ibiki bitubuza kuba abahamya ba Yezu Kristu wazutse? | Mt 24, 35-44 |
| 12/05 | **Umunsi wa 9: Kwakira umugisha w'Umubyeyi**<br>Amabonekerwa y' I Fatima yabereye benshi impavu yo gukomera ku kwemera no guhinduka. Tuzi ko Yezu Kristu atuye imitima yacu kandi ko atwiha mu Isakramentu ry'Ukaristiya Ntagatifu; mbega ibyishimo tugira iyo duhawe uwo mucunguzi. | Ubutumwa bwa Bikira Mariya wa Fatima bwasakaye ku isi hose, kandi ntibutandukanye cyane n'ubutumwa twahawe na Bikira Mariya igihe abonekeye i Kibeho.<br>Ni gute wakiriye ubwo butumwa?<br>Ni gute wihatira kubumenyesha abandi? | Lc 1,26-38 |

**Gusoza**: Kuvuga isengesho ryo kwiyambaza Bikira Mariya Umwamikazi wa Fatima

Indirimbo ya Bikira Mariya
Ikimenyetso cy'umusaraba

Tubifurije umunsi mwiza wa Bikira Mariya Umwamikazi wa Fatima.

Byakusanyijwe n'ubuyobozi bw'Ingoro ya Bikira Mariya Umwamikazi wa Fatima mu Ruhengeri, hifashishijwe Noveni ya Bikira Mariya Umwamikazi wa Fatima.